

KUBWO KWIZERA, MOSE



Urakoze, mwene Data Neville. Mwaramutse, nshuti canjye. Ni byiza kuba hano uyu munsu mu rusengero. Kandi natekereje ko wenda ndamutse mbonye Mwene Data Neville avuga muri iki gitondo, nari kugerageza iri joro. Hanyuma, icyo gihe narebaga ku isomo ryo ku cyumweru ryo muri iki gitondo. Kandi icyo u... Uwiteka n'abishaka, tuzagerageza—kugira iri somo ryo ku cyumweru.

² Noneho, hashize hafi ibyumweru bibiri, kuva ninjiye. Kandi rero nari mpangayitse cyane, nkuko mwabisobanukiwe, ko, ndi ku murimo, nari narushye cyane, rwose kuburyo ntari nkibashije kugera kure. Hanyuma, nagombaga kwinjira kugirango nduhuke gato. Nafashe iminsi igera kuri itatu njya ku rugomeri rwa Wolf Creek, hepfo ya Kentucky, ari naho navukiye. Naratekereje nti, “Yoo, ndumva ari byiza cyane ubu. Meze neza rwose.”

³ Nagarutse murugo, kandi ikintu cyari mbere nahise mpuranga nacyo ni ibintu bimwe na bimwe bya leta bijyanye n'umusoro ku nyungu. Narakomeje ndagenda ngera hirya. Hanyuma nabonyeko binsaba icyumweru kirenga cyangwase bibili byo kuruhuka.

⁴ Kandi minisiteri yanjye igenewe gukora amahinduka ubu ngubu. Kandi nta materaniro namwe ateganiye. Kandi ni yo mpamvu yatumye nsa nunjya ku ruhande, ndatekereza ko, na none mubyumweru bike biri imbere, nafata ikiruhuko, ikiruhuko cyuzuye, nkategereza Umwami.

⁵ Kandi benshi muri mwebwe bantu muri hano, ibyo ni ibya kera, ibyo twabanye nabyo igihe kirekire, ni mwibuke ibyo Uwiteka yatubwiye, We yakomeje gukora ibyo We yavuze ko yagombaga gukora.

⁶ Nimwibuke, mu gihe cyo hambere aha, mu itorero hano, kirya gitondo twashyizeho ibuye ryurufatiro rw'urusengero, mbega ukuntu We... Byanditswe ngo, ndetse byanditse ku ibuye, ku ruhande rubanza rwa Bibiliya yanjye. Muri icyo gitondo, cyari rya yerekwaga rikomeye, rigira riti: “Uru si urusengero rwawe.”

⁷ Naravuze nti: “Ruri he, Mwami?” Yanshyize munsu y'ijuru. Nuko Ijwi riraza. Ndebye mbona ya misaraba itatu, nk'ibiti n'imbuta zabyo, n'ibindi. Uzi intumbero icyo ari cyo. Byanditswe hanze, hashize imyaka.

⁸ Ejobundi, natoraguye, igitabo gishaje hejuru hariya, nsoma bimwe mu bintu Uwiteka yari yaravuze, byahanuwe; bimaze

gusohora. Kubijyanye n'ibi bintu by'abana, n'uburyo intambara izagenda, kandi ibyo bintu byose byarabayeye.

⁹ Hasigaye ibintu bibiri gusa, muri bumwe muri ubwo buhanuzi bukomeye. Ni byo, imodoka zizaba mu muhanda zitwawe na telekomande, zikoze nk'igi, gusa ntimuzazitwara. Zizitwara ubwazo. Hanyuma hazabaho umugore ukomeye ahaguruke, 'kuberako Amerika ari igihugu cy'umugore. Kandi bizashoboka... Umugore ukomeye azahaguruka, abe Perezida cyangwa ikindi kintu nk'icyo, mu gihugu. Hanyuma rero hazabaho kurimbuka rwose. Ishyanga ryose rizahanagarwa.

¹⁰ Kandi, ibyo, Mbivuze mbere... Ubu ntabwo ari Uwituka uvuze ibi. (Ibindi, kubyerekeranye n'umugore, ni, Uwituka ubivuze.) Ariko narahanuye, mu 1933, ko isi izahura n'irimbuka rwose mbere ya 77.

¹¹ Ntabwo rero, sinari nzi ko bari bafite ikintu cyashoboraga kuyirimbura nk'uko bagifite uyu muni, ariko nabonye ishyanga ririmbura burundu, hasigaye gusa ibice by'ibiti n'ibintu nk'ibyo, ni byo byari bisigaye.

¹² Rero, biri munzira zabyo. Niba kandi ibyo bintu byose byarabayeye nk'uko yabivuze, ibyo nabyo bizaba, ni nk'uko yabivuze mu Byanditswe hano, ibyo Avuga, niba Kristo yaraje bwa mbere, azaza n'ubwa kabiri. Kandi ibintu byose Yavuze bizasohora. Kandi tubibone mu buryo bukwiye, tuzi ko turi... umubare wacu iri hafi guhamagarwa, nk'igihugu, tumenya ko Itorero rigiye kwakira Izamurwa Ryaryo. Bituma umutima y'umubwiriza utera, cyangwa umwe mubalayiki, kumenya ko turi muri iyi minsi n'igihe turimo. Ni igihe gikomeye cyane umuntu uwo ari we wese atigeze abamo kw'isi, ni kano kanya; ni ko bimeze, kw'Itorero. Noneho, nkeneye rwose amasengesho yanyu.

¹³ Hanyuma nabonye mu rusengero, mbona ko bafite... bari bagiye kongera gukora amatora n'ibintu byose, mw'itorero, y'abayobozi bamwe n'ibindi nk'ibyo.

¹⁴ Kandi—kandi itorero ryari rikeneye akanama gato, ko gufata ibyemezo bikaze. Kandi buri gihe mwangiriye neza, mumpa umugisha. Nuko kuba hano kwanjye, bisa nk'aho byabayeye umugisha kuri mwe. Kandi nzi neza ko, kubana namwe, byambereye umugisha. Kandi buri gihe mwemera ko ibyo mvuga ko ari Ukuri, nk'uko nabibonye binyuze ku Mana. Nanjye—Ndabyishimira.

¹⁵ Noneho rero, narabitangiye, kandi ubwo nagombaga kubishakisha, kugirango itorero ryacu ribe ritunganye, mu bayobozi baryo, hanyuma ku matora kandi n'ibindi byose. Hanyuma—hanyuma, naratekereje, nyuma y'ibyo, nagiye hanze mbona gufata akaruhuko gato mbere y'uko nsubiraye nanone mu kazi.

¹⁶ Mubigumane hagati yanyu. Ntabwo ari iby'abo hanze. Ibyo ni by'uru rusengero. Turashaka guhura mu nama n'uru rusengero, kugirango ibintu byose, n'amakosa yose, ibintu byose byagiye bikorwa, ndetse wenda n'uburyo umuntu yiyumvamo undi; abo, ngiye gushaka buri wese muri bo maze mbahuze neza imbona-nku-bone. Niba rero udashaka guhangana nabyo, ni byiza ko uva mu gihugu; 'Kuko uza kuza imbona-nku-bone n'ibijyanye nayo, nk'uko twahoze tubikora hano mu rusengero. Kandi byose kugirango tubyoroshye, kuko turi bene Data na bashiki bacu bahagaritse ubusabane, Umubiri wa Kristo, urambitse ku meza y'imigisha. Kandi ntakindi uretse satani yakora ikintu cyose cyaba kibi, kandi byadutera amarangamutima, cyangwa kurira, cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Kandi mfashe mwene Data Neville, kandi tugenda tuva ahantu tujya ahandi, kandi tuzana abantu bamwe ku bandi, kugeza igihe urusengero rwa kera rugarukiye, rukongera gushingwa, ku maguru yarwo, kugira ngo rugere ku Bwami bw'Imana. Noneho, iyi ni yo, mpamvu navuze ibi, ni ukubera ko biri hamwe n'itsinda ryacu rito hano muri iki gitondo.

¹⁷ Noneho ubu ngiye kuruhuka gato, maze ngaruke vuba uko nshoboye. Ubwo ndateganya kuva mu rubuga ry'ivugabutumwa ngasubira aho nkorera. Kandi iki gihe, Umwami nabishaka, nditeguye gufata amafaranga make twakusanyije, n'ibindi, ayanjye, nkayajyana aho mu, muri iyi program y'ubutumwa mu mahanga, nkishakira ihema rishya, n'ibikoresho bishya, hanyuma ngatangira akazi aho ngomba kugakorera, atari ukwa mw'itero n'jya mu rindi, ahubwo tukajya mu materaniro yacu.

¹⁸ Noneho, nta kwirengagiza abavandimwe bantumiye, ibyo ni byo byiza. Ariko ibyinshi muri ibyo byose, usanga muri ibi biterane, bavuga ko muzaba muhari, hanyuma inshuti zanyu zose zikabizamo, ubwo hakazamo benshi cyane bavuze ingoma kugirango ngo bibonere amafaranga. Abo bantu muzabirukane. Ntangiye kubimenya ubu, urabona. Ibyo rero ni byo—ibyo ntabwo ari byo. Turashaka kugira ahantu aho dushobora kubazana. Ntimugomba kwitwaza amafaranga yanyu. Gusa muzaze, mwebwe ubwanyu, maze—maze mukorere Umwami. Murabona? Noneho rero...

¹⁹ Kandi umurimo wanjye wafashe impinduka nonaha. Muribuka igihe nakundaga gufata ikiganza cy'umuntu nkagikomeza, mpagaze hano gusa, kandi Uwiteka yashoboraga kumbwira ikibazo cyabo. Yaravuze ati: "Noneho bigomba gusohora, kandi uzi ibanga ry'umutima w'abantu." Buri wese muri mwe azi ko ibyo byasohoye neza nk'uko byavuzwe. Noneho iyi ni yo ntambwe ikurikiraho, yahanuwe kandi yavuzwe mbere, igiye kuba irenze kure iyindi yose, urabona. Kandi ubungubu iri mu mpinduka.

²⁰ Kandi ni yo mpamvu Satani yandwanije n'ikibazo ry'umusoro ku nyungu, kugerageza kumbwira, leta, iyo ngomba

kw'ishyura umusoro ku nyungu kuri buri faranga nafashe, nk'umuvugabutumwa, kuva mu myaka makumyabiri n'irindwi ishize, ninjiye mu murimo. Ntabwo ari byo, 'kubera ko yanyuze muri iri torero.

²¹ Ndi umuyobozi ushinze umutungo w'iri torero. Ni byo rwose. Biri mu nyandiko hano. Noneho rero, niba ndi umuyobozi ushinze umutungo n'imali by'iri torero, ubwo nta kintu na kimwe kiri kw'isi...Leta ntaho ihuriye nabyo. Ntacyo babaza itorero. Ahubwo barandwanya kubera yuko ndi umubitsi w'itorero. Kandi abayobozi bashinze umutungo bari basinye impapuro ziri hakurya muri banki zemeza, ko ayo yose ari amafaranga yanjye...Aho kugira umusingi wanjye bwite, Nayanyujije mw'itorero ryanjye hano, 'kuberako ahita aba umusingi, uko byagenda kose.

²² Kandi kubikora, bimfasha kwirinda kujya kure y'itorero nkaribamo, no gukomeza no kuba ntacyo ndi cyo hano. Nyuma yo gusezeranya abantu ko nzajya ngaruka mu rusengero, buri gihe, nkabafasha. Ni yo mpamvu nabirekeye gutyo, kuko nabibasezeranije mwebwe. Ni yo mpamvu nyagumana muri ubwo buryo, aho kuba ay'umuntu ku giti cye. Noneho, niba mukoze ibyo, biganisha kw'idini. Kandi ndwanya idini rwose. Nanjye rero—Nzabigumana uko biri, mu biganza by'Imana, kugirango dushobore gukomeza tugana mu Bwami bw'Imana.

²³ Noneho, muri iki gitondo, turashaka kwiga iri Jambo rya kera ry'umugisha, kandi turizera.

²⁴ Ubu, ndashaka kuvuga, nabo...Ndabona mwene Data Egan n'abandi benshi, bamwe mu bayobozi bacunga umutungo bari hano, nyuma yuko twakoze inama yacu y'abayobozi bacunga umutungo, ijoro ryakeye; ni ukuri, namenyesheje ku mugaragaro imbere y'itorero, ko buri wese muri mwe atakiri u—umuyobozi ucunga umutungo yashyizweho. Muri abizerwa batowe, kandi amazina yanyu yanditwe mu bitabo. Ni ukuri.

²⁵ Noneho ubu bagiye gukora andi matora y'aba—y'abadiyakoni, n'abandi bayobozi. Kandi mwene Data Neville, arabahamagara nyuma y'aya materaniro, niko bimeze, hanyuma harakurikiraho gutora umubitsi n'abandi bayobozi, nk'uko twashyira itorero mu mwanya. Nimwumve, uko ibintu byose byibanze, byateguwe, ubwo noneho dushobora kugira ububyutse uko bigenda biza.

²⁶ Noneho, mbere y'uko dusubira mu mpapuro hano, ku masomo yacu yo ku cyumweru, kuri iri Jambo rikomeye ry'Imana nzima, mureke twunamisha imitwe gusa, umwanya muto, mu gihe tuvugana n'Umwanditsi w'iki Gitabo. kandi dushyira ku ruhanda ibitekerezo byose, ibintu byose binyuranye, bishobora kubabuza kugira umugisha.

Mureke dusenge.

²⁷ Mana Yera cyane kandi ikiranuka, ubu tuje Imbere yo kugaragara cyawe mu cyubahiro, kugutura Wowe ubuzima bwacu, n'ubu—n'ubugingo bwacu, n'imibiri yacu, n'amateraniro yacu, n'impano zacu. Kandi ibyo dufite byose, tubizaniye Wowe. Kandi nk'uko Utureba, Mwami, niba hari icyaha cyambaye ubusa kandi kitaraturwa, twagusabaga, Mwami Mana, ko washyira Amaraso y'Umwana Wawe, Yesu, ahantu nk'aha. Kuberako, kumenya ko natwe ubwacu tutihagije, kandi ko bitadushobokera ko twigera twibeshaho ubwacu. Ariko twishingikirije rwose ku Maraso Ye y'agaciro, n'ubuntu Bwe kugirango bituzeho bikoreshwe ku bwacu, kugira ngo twe abanyabyaha badakwiriye dushobore kuza dushize amanga umunsi umwe mu Ukugaragara Kwawe, utuzaniye imbere yacu ayo Maraso y'Umwami Yesu. Ayo, Wowe, mu bihe byashize, wamenye ko ayo Maraso ari y'Umwana wawe w'Ikinege, kandi wadusezeraniye, ko: "Binyuze muri We, niba twatuye ibyaha byacu, tuzatsindishirizwa n'ubuntu Bwe."

²⁸ Noneho twasabaga, Mwami, ko watubabarira amakosa yose, icyaha icyo ari cyo cyose cy'ubwinjiracyaha cyangwa kutirengagiza, ibicumuro, ko niba hari igitekerezo cy'umubi cyacengeye mu bugingo bwacu, gikoresheje imyambi yaka umuriro ya satani, ko Wirukana uyu mwanzi Wawe mubi, w'ubwoko Bwawe.

²⁹ Kandi twasabaga ko Wohereza Umwuka Wera kugirango urinde Ijambo muri iki gihe, nk'uko tukwiyegurira nk'ibikoresho, ko Wavuga binyuze muri twe, tukumva Ijambo Ryawe binyuze muri twe. Kandi natwe turyakire nk'Iriturutse kuri Wowe, hanyuma tuve aha hantu, uyu munsi, twumva ko twongeye guhinduka kubwa Kristo; kugirango turushaho kunyurwa n'amateraniro y'uyu mugoroba n'ay'ejo, kubera kugendererwa n'Umwuka Wera.

³⁰ Ha umugisha abavandimwe bacu bari ahantu hose, amatorero yo kw'isi yose, ni nde ufashe Ijambo ry'Ubuzima muri iyi minsi y'umubi. Twumvaga ko nta gihe kinini cyo gukora gisigaye, kuko ijoro riraje vuba. Ibicu by'intambara byongeye kureremba. Sekibi ari hafi, kandi turasenga ngo Ureke dukore uko tutigeze dukora mbere. Ruhura imibiri yacu irushye, Mwami, maze udusubize ku rugamba. Kuberako tubisabye mw'Izina ry'Umwami Yesu, kandi tubisabye ku bw'ubushake Bwe. Amina.

³¹ Mugihe dufunguye, muri iki gitondo, Bibiliya, igi—igice cya 11 cy'Igitabo cy'Abaheburayo.

³² Ku wa gatatu nijoro twavugaga ku gice cya 7 cy'igitabo cy'Abaheburayo, Cya "Melikisedeki, kuba adafite se, kandi adafite nyina, nta ntangiriro y'iminsi, cyangwa iherezo ry'ubuzima."

³³ Kandi natekereje, ahari, muri iki gitondo, byaba byihariye twongeye gufungura iki Gitabo cyiza, kuba dufite byose byibanze twifuza kuvuga, dukurikije ibyo twasomye ubushize. Kandi gusimbuka igice cya 10, n'igice cya 9, ari ryo tegeko ry'ibitambo, twaza kugera ahantu haryoshye ho "kwizera." Kandi hano mu Gitabo cy'Abaheburayo, igice cya 11, kandi duherereye ku murongo wa 23, turabisoma gutya:

Kwizera ni ko kwatumye mose ahiswa n'ababyeyi be amezi atatu amaze kuvuka, kuko babonye ako kana ko ari keza; kandi ntibatinye itegeko ry'umwami.

Kwizera ni ko kwatumye Mose ubwo yari amaze gukura, yanga kwitwa umuhungu w'umukobwa wa Farawo;

ahubwo agahitamo kurengananywa n'ubwoko bw'Imana, abirutisha kumara umwanya yishimira ibinezaneza byibiyaha;

kuko yatekereje yuko gutukwa bamuhora Kristo, ari ubutunzi buruta ubwo abanyegiputa babitse bwose: . . . kandi yatumbiraga ingororano azagororerwa.

Kwizera ni ko kwatumye ava mu Egiputa ntatinye umujinya w'umwami: kuko yihanganye nk'urebe Itaboneka.

³⁴ Ndashaka gufata ingingo, muri iki gitondo, "guhita kubwo kwizera." Kandi ndashaka gufata inyandiko, amagambo atatu ya mbere yo mu mutwe wa 23, Kubwo Kwizera, Mose. Kandi, "guhita ku bwo kwizera," byinshi mubyo dukora byose, tugomba guhitamo kubwo kwizera. Kandi ibyo dusanga byose Mose yakoze, bikwiye gusubirwamo, byari kubwo kwizera; ntabwo kubireba, ahubwo kubwo kwizera.

³⁵ Kandi impamvu nabihisemo muri iki gitondo, kubw'itorero muri iyi mimerere, ni ku bwa . . . ndetse n'amashuri yacu, no hirya no hino, twagize inyigisho nyinshi z'ubuhanga. Kubera iyo mpamvu, twakuye abantu mu kwizera. Kandi, kwizera ntikugaragazwa n'ubuhanga buhambaye. Kwizera ni icyo ubuhanga butabona. Kandi natwe . . . Niba twarigeze gutakaza uku kwizera gukomeye, ubu turi mu mwijima rwose, ni . . . uko twaba twarigishijwe kose, uburyo dushobora gusobanura Ijambo ry'Imana, kugirango dusigirize uburyo bwacu bwo kwizera.

³⁶ Nta buryo bwo gushimisha Imana, gusa kubwo kwizera. Ibyanditswe bibivuga neza muri ubwo buryo, kandi ni kubwo kwizera. "Kandi nta kwizera," ni ko Ibyanditswe bivuga, "ntibishoboka gushimisha Imana."

³⁷ Noneho, niba kwizera kutemeranya n'ubuhanga, n'ubuhanga ntibwemeranywe no kwizera, ibyo—kuruhande

rumwe, noneho tugomba guhitamo nkuko Mose yabigenje. Kubwo kwizera turizera!

³⁸ Noneho, niba twatakaje kwizera, ntituzigera tubona isengesho ryasubijwe n’Imana. “Erega uza ku Mana agomba kubanza kwizera ko iriho, kandi igahemba abayishaka babagiranye umwete.” Noneho, niba dutakaje kwizera, amasengesho yacu araseswa; ntaho agera.

³⁹ Ku bwibyo rero ibyo twashobora gutekereza, muri iki gitondo, ni ugukomeza kwizera. Noneho, niba dutakaje kwizera, ibyiringiro byacu byose biba bishize. Niba kandi twatakaje kwizera, ukuri kwacu kw’umwuka kuba gushize. Kubera ko, ntushobora kwizera ibintu ubona, kuko ibintu ubona byose birangiritse.

⁴⁰ Iyo turebye umuntu ukomeye, umukozi ukomeye, cyangwa itorero rikomeye, byose bizarimbuka umunsi umwe. Niba kandi turebye igihugu gikomeye, cyangwa intwari zikomeye, byose bizarimbuka, umunsi umwe. Noneho tugomba kubaho kubwo kwizera, mu bintu siyanse idatangaza. Ni kubwo kwizera ari byo twe twizera.

⁴¹ Noneho, twatakaje icyubahiro niba dutakaje kwizera. Noneho, niba tuvuye mu kwizera, noneho dufata itorero mu bice byubwenge.

⁴² Kandi inshuro nyinshi, byatekerejweho, mu bantu, ko kubera ko itorero ryari rinini, kandi bari bafite amatorero akomeye, ahantu hahanamye, hamwe n’abantu benshi, benshi bambaye neza kandi barimbye, n’ubukungu bwinshi, ko bashoboraga kugura ibintu nk’ibi, twe, inshuro nyinshi, twatekereje ko bitera uguhumekerwa, ko iri torero runaka rigomba guhumekerwa. Cyangwa, twakunze kuvuga ku bakozi b’Imana batandukanye basohoka mu kibuga kandi bafite ibiterane byinshi by’imbaga, kandi dutekereza, rimwe na rimwe, ko ari ibimenyetso byo guhumekerwa. Ariko ibyo ntabwo ari ukuri rwose. Ni byo guhumeka kw’abantu.

⁴³ Ariko guhumeka k’ukuri kuzanwa no gukora ubushake bw’Imana. Murareba? Yaba imwe, cyangwa ikiganza gusa. Yaba itorero rinini, cyangwa itorero rito, ntacyo bitwaye. Yaba umuvugizi ukomeye, uvuga neza, cyangwa umugabo gusa utazi ABC ye, ntacyo bitwaye. Biterwa n’ubutumwa azana, bwaba bwarahumetswe n’Ijambo ry’Imana, cyangwa, byahumetswe nibitekerezo by’ubwenge bwo guhumeka kw’abantu?

⁴⁴ Abantu bamwe bashobora guhumekerwa kubera kuvuga neza. Ibyo ntibituma ibintu bisobanuka. Rimwe na rimwe barahumekerwa kuko umuntu yatojwe neza kuburyo ashobora gushyira igitekerezo cye hejuru. Ibyo ntibisobanura ko ari iby’Imana. Murareba?

⁴⁵ Ni ibinyuze gusa mu Ijambo ry’Imana ridashira, Iteka ryose, ni mwo dushobora kwakirira guhumekerwa, kandi ibyo bitangwa n’Umwuka Wera. Kubwo kwizera turakwakira.

⁴⁶ Noneho dutekereze kuri Mose, n’iki gihe gikomeye cy’ubuzima bwe. Twongeye gusoma, ku byerekeye ivuka rye, n’uburyo Imana yamwitayeho, ariko harageze igihe mu buzima bwa Mose aho hagomba kubaho igihe cyo guhitamo. Niba dusomye neza, dusanga yari umuhungu w’umukobwa wa Farawo, kandi akaba samuragwa w’intebe, kandi yari kuba Farawo ukurikira muri Egiputa. Yatekereje rero uko yarebye hirya no hino, amaze kuba mukuru no guhabwa inshingano, kandi hari hari abo bacakara bari gukata icyondo mu myobo. Mose, yitegerereza mu madirishya y’ibwami, abo bacakara abo Farawo nawe yarebaga, ariko mbega itandukaniro ryari mu mirebere.

⁴⁷ Ndashaka gushimangira icyo gitekerezo, muri iki gitondo, mu minota mike, kandi Imana yo mw’ijuru ibishyire mu mutima wa buri wese hano, ni uburyo ureba ikintu icyo ari cyo cyose, ni ikibatandukanya.

⁴⁸ Umuvugabutumwa ukomeye, John Sproul, wahinduye umurimo wa mwene Data Bosworth, ni bande benshi muri mwe mwibuka mu myaka yashize, ya Old Glory Barn. Yaravuze, umunsi umwe afashe urugendo, mbere yo gupfa kwa mugenzi n’umugore we yakundaga. Bari i La Salle, Lorraine, mu Bufaransa. Kandi nagize amahirwe yo gusura aho hantu. Maze ubwo ushinze kuyobora abantu abatembereza mu busitani, abereka ibintu bitandukanye. Nuko bagera ku gishushanyo cy’Umwami Yesu, ukubambwa. Maze Bwana Sproul ahagarara aho, aracyitegereza, we n’umugore we, kandi, mu mitima yabo, banenze ibyo umuhanzi agomba kuba yatekereje, cyangwa se umunyabugeni, ahubwo, igihe yatoboraga mw’ibuye, ibintu bisa-n’ibiteye ubwoba mu kuba bigaragaza imibabaro n’urukundo n’impuhwe z’Umwami Yesu, n’uburyo byose cyari kibaje nabi n’uburyo cyagaragaraga. Maze ushinze kuyobora abantu aza kwa Bwana Sproul, aravuga ati: “Nyakubahwa, ngira ngo urimo kunenga iki gishushanyo cy’Umwami Yesu.”

Aramusubiza ati: “Ni byo ndimo.”

⁴⁹ Aravuga ati: “Ntabwo ntangaye na gato, kuko abantu benshi bakireba, mbere na mbere, barakinenga.”

⁵⁰ Maze Bwana Sproul aravuga ati: “Kubera iki, nta mpuhwe cyangwa guhumekerwa mbona byava mu kureba ikintu nk’icyo, nibaza rero impamvu umunyabugeni cyose yagikoze gutya.”

⁵¹ “N’umunyabugeni...” Aravuga ati: “Bwana Sproul, iki gishushanyo ni cyiza, kandi umunyabugeni yari afite ikintu cyiza mu bitekerezo bye. Ariko aho ikibazo kiri, ni wowe ugifite. Ni uburyo urimo kukitegereza.” Maze afata we n’umugore we mu biganza, abamanura ku gicaniro ku birenge by’uwo musaraba

wavuzwe. Nuko arababwira ati: “Noneho, Bwana Sproul, reba hejuru.” Maze arebye hejuru, aravuga ngo umutima we ukunda kumunanira. Mbega itandukaniro ryari rihari, guhagarara aho ukakireba muri *ubwo* buryo, no kumanuka ukakireba mu buryo cyagenewe kurebwamo.

⁵² Kandi uko ni ko Imana iteye. Uko ni ko kwizera kumeze. Ni uburyo ukurebamo. Niba ukureba nk’uburyo bumwe bwa Bibiliya y’amateka, y’ikintu runaka cyariho mu minsi yashize, ntuzigera ubasha kubona agaciro nyako ka Bibiliya. Ugomba gupfukama, ukumvira amategeko ya Bibiliya, kandi ukayarebesha amaso y’Umwuka Wera.

⁵³ Nabaza abanyumva muri iki gitondo: Imana y’amateka itumariye iki uyu muni niba Itari ya Mana imwe? Ni iki cyiza Imana, yashoboraga gufata Mose ikamukoresha ibitangaza nk’ibyo yakoze, byatumarira iki gusoma iby’Imana nk’iyo niba Itari yayindi Imwe n’uyu muni? Ni iki cyiza Imana ishobora gukiza itanura ryaka umuriro, abana b’Abaheburayo, niba Itari ya Mana n’uyu muni? icyiza ni uko ari Imana yashobora guhitamo icyiza n’ikibi, mu minsi yashize, no guhana ikibi igaha umugisha icyiza, niba atari ya Mana imwe n’uyu muni? Ni kuki tujya mu rusengero? Kuki twirinda ibintu by’isi, niba atari ya Mana imwe ya rwa rubanza rumwe, n’igitekerezo kimwe nk’uko Yahoze? Byaba byiza bite ku bw’Imana ishobora gukora ku kuboko k’umugore ufite umuriro ukabije, maze umuriro ugahagarara, niba Itari ya Mana imwe uyu muni? Byaba byiza bite gukorera Imana ishobora guhamagara inshuti yayo ikava mu mva, nyuma y’iminsi ine ipfuye, niba Itari ya Mana imwe uyu muni?

⁵⁴ Kubwo kwizera twizera ko umuni umwe uhebuje Azaduhamagarira kuva kw’isi, nubwo tuzongera kuba ikiyiko cyivu. Twabyemeza dute? Ntabwo tubyemeza. Turabyizera. Ntabwo dusabwa kwemeza ikintu icyo ari cyo cyose. Turasabwa kubyizera.

⁵⁵ Kubwo kwizera Mose yakoze *ibi-n’-ibi*. Nk’uko Mose, akiri umusore, yarebye mu idirishya ry’ingoro, abona abagaragu, yabonye agatsiko kamwe k’abacakara bateye ubwoba, banduye, bayobowe-bugwate na Farawo ni bo yabonye.

⁵⁶ Maze Farawo abitegereje, n’Abanyegiputa, ntacyo bari cyo uretse agatsiko k’abacakara. Ibyo ni byo byari bibabereye; kuba gusa abantu baberewe n’ibyondo, kubumba amatafari y’ibyondo ku nyungu z’imijyi Farawo yubakaga. Ni bwo buryo Abanyegiputa na Farawo bitegerezaga abacakara.

⁵⁷ Ariko Mose, ubwo yabitegerezaga, yagize indoro idasanze. Abonye, acishije mw’idirishya, iminkanyari minini mu maso habo, amarira atemba ku matama yabo, n’imibiri yabo yahetamye, yababonaga nk’ubwoko bw’Imana. Ntiyababonaga nk’abacakara. Yabababona nk’ubwoko bwatoranijwe n’Imana.

⁵⁸ Kandi, yewe, uko ngenda, mva mu gihugu nja mu kindi, n'ishyanga ku rindi, mbwiriza! Kuva nakwinjira mu miryango y'uru rusengero, ni ikigo mpuzamahanga, nta tegeko uretse urukundo, nta gitabo uretse Bibiliya, kandi nta myizerere uretse Kristo, nagerageje kureba abana b'Imana, ndetse no ku banzwe, nk'abantu batoranijwe n'Imana. Ntabwo ndababaza niba ari abo mu rusengero rwa Branham. Ntabwo ndababaza niba ari aba Metodisite, cyangwa niba ari aba Presibiteriyani, cyangwa niba ari aba Pentekote, cyangwa Abanazareti, cyangwa abo mu Ngoro y'abagezi bamaramaje gukiranuka, Ndashaka kubareba nk'ubwoko bw'Imana. Kandi kubona ibikorwa byabo n'imirimo yabo, ko ari abakozi b'Uwiteka Imana, kandi umutima wanjye wifuza gusabana nabo, ntitaye ku kirango cyose bafite. Gusa njye ndifuza ubusabane bwabo. Ndabakunda kuko nzi ko ari abantu b'Imana.

⁵⁹ Iyo mbonye umukobwa umanuka mu muhanda, yambaye ijipo ndende, umusatsi we utendera inyuma, na—n'ikanzu imanutse igerageza hasi; hanyuma nkabona undi mukobwa ukiri muto, wenda banganya imyaka, yambaye ikabutura nto; ashobora kuba, wenda ari mwiza mu maso, inshuro ebyiri kuruta wa mugore ufite umusatsi muremure, ukurikije uko abisi babibona, ariko nzajya k'uruhande rw'uriya mukobwa wambaye nk'Umukristo. Nubwo bari kumuseka, bakamwita umufana, nyamara, nzafata uruhande rwanjye. Ashobora kutaba mwiza nk'abandi bakobwa, mu buryo bwihariye, ariko hari ikintu areba. Kubwo kwizera abona Umwe utagaragara, Uyobora ubuzima bwe.

⁶⁰ Iyo mbonye umugabo uri ku kazi, yitwa “umudiyakoni,” cyangwa “umubwiriza,” cyangwa “umufana,” kubera ko yanze kunywa itabi, no kunywa inzoga, no kujya kubyina, nk'abandi, kandi yariswe “umufana,” umutima wanjye uramwifuza. Ni mwene Data, muni y'ubutaka bwa Egipta, butuma tugira umutima wacu muremure wo kumwakira maze tukavugana tuti: “Mwene Data, turi abasuhuke n'abanyamahanga, bo muri iki gihugu, kandi ndifuza cyane gusabana nawe.”

Mose yagombaga guhitamo, ahitamo kubwo kwizera.

⁶¹ Ni abasore bangahe bari kurenga amahirwe yo kuba umuhungu w'umukobwa wa Farawo! Ni abasore bangahe bari kurenga amahirwe Mose yari afite, kwishimira ibinezeza byose n'ibyiza by'isi, kuba umwami wa Egipta, kugira isi yose ibirenze bye! “Mbega ikintu cy'ubupfu,” abasore bo mu gihe cy'e bagombye kuba baratekereje, “igihe Mose yahitagamo gufata umwanya we hamwe n'abantu b'Imana bababaye.”

⁶² Kuki yabikoze? Kubwo kwizera, igihe yubuye amaso, yarebye ku birenze ibyiza by'iyi si. Yarebye ibirenze ibinezeza by'icyaha. Kandi Bibiliya yavuze ko kubwo kwizera, yihanganye

akareba kuri We utagaragara, kandi yahisemo gukorera iyo Mana atitaye kubyabaye.

⁶³ Ntabwo yahindutse. Benshi muri twe twashoboraga kujya mubyo twakwita inyubako nziza. Dushobora kwishimira, wenda, ubusabane n'ibinezeza byo kwicara ku ntebe nziza. Dushobora gukundwa cyane, kunywa izoga no kunywa itabi, no kwambara no gukora nk'isi. Ariko ikibazo ni ikihe? Wubure amaso yawe, kandi kubwo kwizera uramubona We utagaragara, kandi wafashe icyemezo cyawe ujya k'uruhande rw'abanzwe kandi bitwa abera-bikunenga hasi b'umunsi. Kuberako kubwo kwizera tubona Utagaragara, tugahitamo kubabazwa n'imibabaro.

⁶⁴ Ntabwo nabwira abantu ko bagomba guhitamo kubabara. Simvuze ko ugomba guhitamo imibabaro. Ntabwo byaba bibereye ikiremwa muntu. Ariko niba imibabaro ishyizwe mu nzira yinshingano, noneho reka tuyakire uko ije. Sinshaka ko ugira icyo ukorera umuntu kugirango agusebye. Sinshaka ko uvuga ibintu bitandukanye, ngo: "Ndi m...Ndi mu itorero ritemera *gutya na gutya*, kw'isi," n'ibintu nk'ibyo, kugirango gusa abantu baguseke. Urimo kwizanira ibyo wenyine. Ntabwo nakubwira ngo sohoka hano ukomeze kandi ukore ikintu cyari gikabije. Sinshaka ko ukora ibyo, kugirango umuntu wese avuge ko uri umufana. Ibyo ubyikururira wenyine. Ariko niba bishyizwe munzira y'inshingano zawe ziva ku Mana, reka isi ivuge icyo ishaka kuvuga. Urakomeza kubaho.

Urahitamo. Buri mugabo n'umugore bese bagomba gukora ibi.

⁶⁵ Byari kugenda bite se niba Farawo yarashoboraga kubona ibyo Mose abona? Yabonye imibabaro y'abantu. Yari azi ikiguzi agomba kwishyura. Ariko kubwo kwizera yabihisemo, aho kugira ibinezeza by'icyaha.

⁶⁶ Hano wenda hari umwana w'umukobwa, wicaye hano, abo ni abakobwa beza, isi irashaka kukubwira ngo: "Kora *gutya-na-gutya*. Uri mwiza. Umubiri wawe umeze neza, ugomba kubyerekana."

⁶⁷ Ariko, mushiki wanjye, zamura amaso yawe urebe ibirenze ibyo, kuri We yaravuze ati: "Ni ikizira ku mugore kwambara umwenda ujyanze nuwumugabo."

⁶⁸ Niba abagabo b'abaturage mugace utuyemo, niba abagore mwifatanije nabo, baravuze bati: "Kata umusatsi ni muremure. Byaba byiza kurushaho. Byaba *ibi, biriya*, cyangwa *ibindi*." Cyangwa se, "Byakubera byiza." Ntukabyumve!

⁶⁹ Warambuye amaso, kandi kubwo kwizera wabonye Uwavuze ati: "Umusatsi w'umugore ni icyubahiro cye, kandi ntazawogoshya."

⁷⁰ Niba bavuga bati: “Byaba bisobanutse. Uzahagarara neza hamwe mu kazi kawe, cyangwa hamwe na sobuja, niba mwasabana munywa ku kirahuli. Uramutse unywa itabi nkabandi bagore, wahagarara mu buryo bwiza mu baturanyi bawe.”

⁷¹ Kubwo kwizera uzamure amaso urebe Uwavuze ati: “Wanduze uyu mubiri, nanjye nzawurimbura.” Kubwo kwizera twizera ibyo bintu. Ni ubusa icyo mwabonye. Ni ikintu wizera. Ni kubwo kwizera, Mose yabikoze.

⁷² Kandi muri uru rugendo rwo kwizera, hageze igihe hagomba kubaho guhitamo.

⁷³ Loti yakoze iryo kosa ribabaje dukora. Inshuro nyinshi duhitamo kubw’inyungu zacu. Duhitamo ibintu byaba byiza.

⁷⁴ Rimwe na rimwe niba hari amakimbirane make aje mu itorero, umuntu aravuga ati: “Ni byiza, umudiyakoni cyangwa pasiteri ari kuri uru ruhande.” Ntukarebe ibyo. Reba igikiranuka. Irukana icyo kintu kandi ubahuze bombi. Ibyo ni ibyubaha Imana.

⁷⁵ Hariho guhitamo. Kandi twihitiyemo ubwacu. Duhitamo ikintu kitugirira akamaro.

⁷⁶ Ariko Mose yahisemo imibabaro n’ikimwaro, kugira ngo agendane n’ubwoko bw’Imana. Bitekerezeho nonaha. Bitege amatwi. “Hitamo imibabaro y’ubwoko bw’Imana, kandi ubare ubutunzi bwinshi, kuko yihanganye, akitegereza We utagaragara.”

Noneho, Loti, igihe kimwe, yagombaga guhitamo.

⁷⁷ Kandi birashoboka, muri iki gitondo, ko hano hazaba abagabo nabagore bicaye hano, ibyo bizaba amahitamo yawe ya nyuma. Uyumunsi uri icyo uri cyo, kuko hashize imyaka myinshi warahisemo kuba uko uri ubu. Kandi ibyo uhisemo ubu bizagenda icyo uzaba mu myaka itanu uhereye uyu muni. Imyaka itanu uhereye uyu muni ushobora kuba umumisiyoneri. Imyaka itanu uhereye uyu muni ushobora kuba Umukristo uzwi.

⁷⁸ Cyangwa, imyaka itanu uhereye uyu muni urashobora kuba ikuzimu, kuko wafashe icyemezo kitari cyo. Imyaka itanu uhereye uyu muni ushobora gusukura ubwiherero mu kabari. Imyaka itanu uhereye uyu muni ushobora kuba indaya kumuhanda.

⁷⁹ Cyangwa, ushobora kuba umugabo cyangwa umugore ibyo i—ibyo ni ibyahesha icyubahiro kuri societe iyo ariyo yose, bitewe no guhitamo kwawe kuri Kristo. Imyaka itanu uhereye uyu muni ushobora kuba mu Bwiza, wagiye mu Izamurwa, kuko wagiye guhitamo uyu muni.

⁸⁰ Ariko wabonye guhitamo. Kandi ntukarebe ibyo ubona. Hitamo ibyo ubona kubwo kwizera. Ni cyo kintu cyonyine kizahabwa agaciro, ni icyo uhitamo kubwo kwizera.

⁸¹ Loti, nkuko yagombaga guhitamo. Aburahamu aha Loti amahitamo ye.

⁸² Kandi Imana iguha amahitamo yawe. “Hitamo uyu muni uwo uzakorera.” Mu busitani bwa Edeni hari igiti cya—kimenyesha ikibi n’ikiza, n’igiti cy’Ubuzima. Umuntu yahawe amahirwe yo guhitamo kimwe mubyo yashakaga. Kandi ni ko bimeze muri iki gihe. Wahawe amahirwe yawe, nko gusubizwamo intege ku buntu, guhitamo icyo ushaka cyose.

⁸³ Inama nakugira, ni, ntukarebe ibintu bigezweho bigukikije, no kuba icyamamare n’umunyacyubahiro. Ariko hitamo, ahubwo, kubwo kwizera, Utanga isezerano ko umunsi umwe azaza kandi azakosora amakosa yose, kandi azaguha Ubugingo Buhoraho, agushyire hejuru. Nta kibazo niba ufashe inzira isuzuguritse hamwe na bake b’Umwami, hitamo ibyo. Niba hari ibibazo mu biganza, niba hari ibibazo mu gihugu, niba hari ibibazo mw’itorero, niba hari ibibazo mu rugo, aho byaba biri hose, kora amahitamo yawe, “Kubwo kwizera, nzakorera Imana. Nzacisha bugufi umutima wanjye Imbere Ye. Nzafata inzira hamwe n’abana b’Imana. Ndabona basuzuguwe kandi banzwe, bakirukana hanze bagasekwa, ariko nzaguma mu mwanya wanjye w’ibyo nshinzwe. Nzagumamo neza. Kandi nibarira, nzarirana nabo. Kandi nihabaho umubabaro, nzababarana nabo. Uburyo babaho, nibwo nzabaho.”

⁸⁴ Nk’uko Nawomi yabivuze. . . Cyangwa Rusi abwira Nawomi, “Inzira zawe zibe inzira zanjye. Inzira zanjye zibe inzira zawe. Aho uzatura, ni ho nzatura. Aho uzajya, ni ho nzajya. Imana ukorera izaba Imana yanjye.” Fata iryo hitamo, n’ubwo rikuraho uruhu rwose mu mutimanama wawe, wo gutekereza ko uri umuntu runaka. Pfukama hasi hanyuma ufate inzira hamwe na bake basuzuguritse b’Umwami, kandi ukomeze kuba indahemuka aho ukorera no mu kazi ushinzwe gukora.

⁸⁵ Loti yarebye hirya no hino. Aravuga ati: “Nabonye amahitamo.” Nuko yitegereza i Sodomu. Abona imirima myiza iriho ibyatsi iruta ibyo Aburahamu yabonye, n’aho Aburahamu yari ari. Yabonye amahirwe yo kuragira inka ze, kugira inka zibiyibushye kurushaho kandi nziza.

⁸⁶ Nizere ko ntawe ndimo kubabaza mu byiyumviro. Ariko ibyo byabaye igihagararo cy’abavugabutumwa benshi, kugirango bavuguruzwe ubutumwa bwiza, batekereza ko bakuramo amafaranga menshi. Itike yo kurya! Ahubwo nahitamo gutura mu butayu, kurya, kunywa ibivuye kw’ishami, no kurya ibisuguti, kuruta guteshuka ku kwemera k’ukwizera kwanjye mw’Ijambo ry’Imana nzima. Nzafata inzira yanjye.

⁸⁷ Bamwe muri bo baravuze bati: “Billy, ikibazo cy’amateraniro yawe ni ikihe, ko harimo Abapenekositi benshi cyane.” Umukozi ukomeye w’umunyamadini ni ko yambajije.

Naramusubije nti: “Idini ryanyu rizatera inkunga amateraniro yanjye?”

⁸⁸ Ntabwo hashize igihe kinini, mu kinyamakuru Itegereze, ndizera ko, hari harimo ingingo. Nuko umwanditsi yaravuze aho, avuga ku bantu b’Abapenekositi. Yaravuze ati: “Itorero rya Panekositi ni ryo torero rikura vuba kw’isi muri iki gihe.” Kubera iki? Ni ukubera ko abagabo n’abagore bubuye amaso bakareba kure.

⁸⁹ Kandi umwanditsi nawe yashimiye abantu b’Abapenekositi. Yoo, yego, yaravuze ati: “Hariho bamwe muri bo bagiyemo bemye, barakomeza. Ariko, Abametodisite basenga imigenzo. Basenga Imana bakoresheje imigenzo. Ababatisita nabo ni byo bakora, n’Abapersipiteriyeni. Ariko Abapenetekosite basenga bakoresheje Bibiliya ye.”

⁹⁰ Kubwo kwizera tubona amasezerano. Nzajyana ubufindo bwanjye, nubwo bansuzugura bwose, ndacyari umwe muri bo. Nubwo banseka, bakagira ibiri hejuru no hasi, nkuko Isiraheli yabigenje, sinzigera nshaka guhagararana n’umuhanuzi wibinyoma ku musozi, Balamu, we kandi ugerageze kuvuma abo Imana yahaye umugisha. Kuberako, muri iyo nkambi harimo Urutare rwakubiswe, n’Igitambo cy’amaraso, n’Inkingi y’Umuriro. Ibyo baba barimo byose, irabayobora ku ntsinzi, kandi bagomba kubigeraho, kubera ari abantu basezeranijwe bagendana no kwizera. Nubwo atari amadini, bari inzererezi hirya no hino, kandi ni ubwoko bw’Imana. Ariko ndashaka gufata inzira hamwe nabo, kwifatanya na bo mu rwego rwabo; atari mu madini yabo, ahubwo mu busabane bwabo hafi y’ingingo z’umwuka w’Iteka w’Imana, ibyo, kubwo kwizera nakiriye umubatizo w’Umwuka Wera. Mana umfashe guhorana iyo myifatire.

⁹¹ Itegereze. Uko bakomezaga, dusanga Loti yarabonye amahirwe y’i—inka zibyibushye. Benshi babona amahirwe y’igitabo kibyibushye. Benshi babona amahirwe y’imibereho myiza. Yabonye ubushobozi bw’amadolari make y’inyongera. Yabonye ubushobozi bwo kuba umuyobozi w’umujiyi. Kuba umunyamahanga, n’umuntu mwiza usobanutse, nk’uko yari ameze, “Ahari nzaba umuyobozi mukuru w’umujiyi.” Yabonye ubushobozi kuko bari baari imbere ye. Ariko ntiyabonye umuriro wagombaga gutwika igihugu. Ntiyihannye we ubwe, ku buryo igihugu cyari cyuzuye ibyaha, kandi Imana yagombaga kugitwika.

⁹² Kandi, uyu munsu, abantu bagerageza kwiyinga bavuga bati: “Uri . . .?”

Nzavuga nti: “Uri Umukristo?”

⁹³ Baravuga bati: “Ndi Umunyamerika.” Ibyo nta kindi bihuriyeho kirenze kugerageza kubwira igikona ko cyari igikeri. Ntaho bihuriye.

⁹⁴ Agiye kurimbuka, kuko Imana irenganura. Niba kandi Amerika ivuye mu byaha byayo, umukiranutsi kandi wigenga, Imana yera izaba iyubahiriza inshingano zo—zo kuzura Sodomu na Gomora no kudasaba imbabazi kubwo kubatwika, kubera ibyaha byabo; niba Ituma tubireka.

⁹⁵ Niba Ikwemereye kugera mw'Ijuru ku bikorwa byawe by'akarengane, Igomba kuzazura Ananiya na Safira abahe andi mahirwe. Nta gushidikanya irabishoboye. Ariko Ifite ubutabera. Ananiya yabonye amafaranga ye. Petero yabonye Kristo.

⁹⁶ Oh, mbega! Loti ntiyabonye irimbuka ry'abana be aho hantu.

⁹⁷ Benshi muri mwe, uyu muni, ufashe iyi migenzo ishaje n'ibindi bintu, ntubona ubuzererezi no kurimbuka kw'abana bawe. Ntubona umukobwa wawe munzu y'indaya. Ntubona umuhungu wawe ari umusinzi, cyangwa kumeza akinirwaho amakarita ahantu runaka.

⁹⁸ “Kuberako asukwaho amazi neza.” Nuko icyaha ntigikorweho. Ntiyabonye umugore we, umuyobozi w'imiryango yose, ahinduka inkingi y'umunyu, igihe yitegerezaga. Ntiyigeze amubona nibuze akanya nk'ako hagati y'amenyo gusa, ajya mu mujyi muto ahantu runaka, ku bw'ubuzima bwe. Ntabwo yabibonye, kuko yitegerezaga gusa ibyo yabonaga imbere ye.

⁹⁹ Ariko, Aburahamu, ntiyabonye igihugu gifite amazi meza, kuko yubuye amaso abona ejo hazaza, kugirango azaragwe ibyaho byose. Umukristo nyawe uyu muni iyo yubuye amaso abona amasezerano ya Kristo: “Hahirwa abiyoroshya kuko bazaragwa byose. Bazaragwa isi.” Umukristo nyawe, kubwo kwizera, areba hejuru akabibona. Mwrite icyo ushaka. Yubuye amaso. Amaze kuyubura, Imana iravuga iti: “Aburahamu, genda unyure mu gihugu, cyose ni icyawe.” Kubwo kwizera, Aburahamu yarabikoze; kwizera nk'uko Mose yari afite.

¹⁰⁰ Byanditswe n'umusobanuzi umwe, wavuze ibi. Natekereje ko ari amagambo meza cyane. Ko Abura-... “Mose yafashe ibyiza by'isi abishyira mu gipimo kimwe; n'amadini mabi cyane, akayashyira mu kindi gipimo; kandi amadini mabi cyane yapimye ibyiza by'isi.”

¹⁰¹ Ni ko bimeze uyu muni, ko niba twitwa ikintu icyo ari cyo cyose dushaka kwitwa, “abafana,” cyangwa “abavuzi b'Imana,” cyangwa “abatitizwa-n'umwuka,” cyangwa icyo bashaka kwitwa cyose. Ababi turi bo bizapima ibyiza isi yashobora kugeraho. Ntukifuze kwitwa “imyambarire ya kera, ibitekerezo bishaje, umufana.” Bizapima-ikintu cyiza satani yabonye cyo kuguha. Nta kabuza.

¹⁰² Mose yubahaga ibyaregwaga Kristo. Yabonye Kristo mbere. Nyuma yaje kuvuga amagambo akomeye yerekeranye na We. “Reba, Uwiteka Imana yawe izahagurutsa umuhanuzi nkanjye.” Yari abizi. Yaramubonye, kandi yubahaga ibirego Bye nk'ubutunzi buhenze kuruta ubwiza bw'isi.

¹⁰³ Nshuti ya gikristo, uyu muni, ntushobora kubikora? Kandi ubwiza bwose no kwamamara kw'isi, kubwo kwizera, tubona ko ari We wabisezeranije. Kandi ibibi by'itorero muri iki gihe, uko bimeze kwose, nyamara Bizarusha-uburemere ibintu byose satani ashobora kuguha. Niba dusenyutse, niba twaracitsemu ibice, niba twarayobye tugatandukana, mu madini no mu bufana, bizarusha-uburemere ikintu cyose satani ashobora kuguha. Ni ukuri.

¹⁰⁴ Yubahaga gutukwa kwa Kristo ubutunzi buruta ubutunzi bwose bwo muri Egiputa. Yagombaga rero kugira icyo akora. Yaretse Egiputa. Yoo, nkunda iryo jambo. Yaretse Egiputa. Reba, yareberaga mu idirishya rimwe, ariko we yabonaga ibitandukanye n'ibya Farawo. Byari kugenda bite iyo Farawo ashobora kubona iherezo rye? Byari kugenda bite iyo iyo Farawo aza kubona ubwoko bwe burohamye? Mose yarabibonye. Ni gute? Kubw'ubumenyi? Ni kubwo kwizera, Mose yarabibonye. Ibyo yakoze byose yabikoraga kubwo kwizera, kuko Imana yabisezeranije Aburahamu, se, ko Yashoboraga—Yashoboraga gusura iri shyamba nyuma y'imyaka magana ane, akabasohora. Kandi kubwo kwizera, Mose yizeye Ijambo Imana yavuze, kandi yari azi ubwe, kubwo kwizera, kuba umuyobozi watoranirijwe kubasohora hanze. Yari azi aho ari. Yafashe umwanya we mu kirombe, nk'umukasi w'icyondo, kandi abara ugutukwa kwa Kristo nk'ubutunzi buruta ubwicara ku ntebe ya Egiputa. Yafashe... Ntiyigeze avuga ati: "Ndemeranwa nabyo." Yishyize mu mwanya wabo ajyana na bo! Icyubahiro kuri... Yishyize mu mwanya wabo. Ajyana nabo.

¹⁰⁵ Atitaye ku byo umwanditsi wahumekewe wavuze ati:
 Nzafata inzira hamwe y'Umwami
 wasuzuguwe,
 Natangiranye nai Yesu, none ubu ndakomeje.
 Ndi mu nzira njya mu gihugu cya Kanani. (Ni byo.)

¹⁰⁶ Mose. Byavuzwe n'mwe Mose yari afite ahubwo, igihe yashoboraga kuba ari umuhungu wa Farawo kandi afite ibinezeza by'isi, we yahisemo kuba umuhungu wa Aburahamu aho kuba umuhungu wa Farawo. Umuhungu wa Aburahamu, usuzuguritse, kuruta kuba umuhungu wa Farawo, umwami.

¹⁰⁷ Nahitamo kuba umwana w'Umwami Yesu, n'umugaragu We, nkafata umwanya wanjye hamwe n'abantu banzwe b'iyi si, kuruta kuba Perezida w'iyi Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ikomeye, cyangwa kuba Elvis Presley, cyangwa Pat Boone, cyangwa uwo ushaka kuba we wese. Nzafata inzira yanjye.

¹⁰⁸ Abagore bakiri bato bagomba gufata inzira yabo. Aho kuba u—umufana wa Mary Pickford, umukinnyi wa firime w'icyamamare, umukobwa mwiza cyane, fata inzira yawe hamwe n'Umwami usuzuguritse cyane.

¹⁰⁹ Nahitamo kuba umubwiriza ku gicaniro, nkamamaza ubutunzi butagereranywa bwa Kristo, kuruta kuba icyamamare cya firime ya Hollywood, cyangwa umuntu ukomeye kw'isi. Niba ngomba kurya bike, gusabiriza, cyangwa ikindi kintu cyose nakora, nzafata inzira yanjye njyane n'ubwoko bw'Umwami. Kubwo kwizera, ndabikora. Nahawe amahirwe. Ariko, kubw'ubuntu bw'Imana, ndacyabona kubwo kwizera.

Kubwo kwizera ndaibona kure kure;
Kandi Data adutegerereje ku nzira,
Kudutegurira aho tuba Hariya.

¹¹⁰ Umugabo w'umusoresha ku nyungu ejobundi yaravuze ati: "Kuki wavuye iwanyu ukajya muri iryo torero? Ni iki cyaguteye guhara inzu y'amadolari-ibihumbi-makumyabiri-na bitanu kubera iryo hema rito rishaje risa n'umwanda?"

¹¹¹ Naravuze nti: "Ntabwo ari itorero ryatumye nkora ibyo. Ni abantu baririmo." Nta kintu kiza na kimwe mfite kuri iyi isi. Amafaranga yose nigeze gufata ahindukirira kuri iri torero. Kubera iki? Ukwizera kwanjye gushingiye ku Mana, ntabwo gushingiye ku bintu by'iyi si. Urukundo rwanjye ruri hejuru. Kandi ndizera ko mwese ari ko mumeze, niba mufitanye ukuri n'Imana. Ni ukuri, ni ko mumeze. Twebwe, kubwo kwizera, turahabwa. Twebwe, kubwo kwizera, twizera Imana.

¹¹² Mose, yagombaga guhitamo. Hanyuma, yagombaga, nyuma yo guhitamo, yagombaga kurwanya kwizera, kubera ko atatinze uburakari bw'umwami. Noneho, mubumuntu, yari afite uburenganzira bwo gutinya uburakari. Yari afite uburenganzira bwo gutinya uburakari bw'umwami, ariko ntiyabikora. Ntabwo yabikoze, kubera ko yari afite akazi ko gukora, kandi yari mu murongo w'akazi. Kandi ntiyitaye kubyo umwami yabivuzeho. Yafashe inzira Ye imwe.

¹¹³ Noneho, Farawo, birumvikana, abonye ko yatsinzwe, yashatse guha Mose n'abana... Yaravuze ati: "Ni byiza, nzababwira icyo nzakora. Mwese mugume mu gihugu musohoke mutambire Imana yanyu."

¹¹⁴ Uko ni ko satani akora. "Yego, ushobora kuba uw'iyobokamana. Kuki utarenga ngo winjire mu itorero runaka? Ntugomba gukora ibi bintu byose." Umugabo abwira umugore we...

¹¹⁵ Umugore aravugaga ati: "Mugabo, narakijijwe. Ntabwo nkiconga inzira, cyangwa ngo nsige amarange ku munwa n'ibintu by'imburamumaro. Sinkibikora. Nta yandi mashyaka. Ntabwo ukiri muri ibi bintu by'amashyirahamwe. Nabivuyemo! Igihe cyanjye nzagishyira mu gusoma Ijambo, kwita ku rugo."

¹¹⁶ "Noneho, reba, nshuti. Wowe, ushobora kuba umuyobokamana, ni byo. Noneho, reba, u—ujya kure ya hano. Ugahura n'itorero ritari ryo."

¹¹⁷ Oya, ntiwagombaga. Uri mu rizima. Niba wabonye umubwiriza uzakubwiriza ibyo, ugomba kuguma naryo. Shakisha inyuma ukoresheje Ibyanditswe hanyuma urebe niba ari byo.

¹¹⁸ “Yoo,” aravuga ati: “va *hano*. Ntabwo nti—ntibagomba kubikorera hano. Murareba? Ntabwo ibi babikorera hano.” Iyo ni yo nzira... “Genda ugere kure.” Ariko ntashaka ko uva mu gihugu. Uko ni ko satani akora. Ntashaka ko uva mu bintu by’isi; gusa uzane isi hamwe n’itorero.

¹¹⁹ Ejobundi, nari ndimo kumanuka mu muhanda, mfungura radio yanjye. Hari harimo i—indirimbo, nuko ndakomeza ndayumviriza, kandi nagombaga gufata, hafi, nkanyura mu ndirimbo, mbere y’uko menya niba ari indirimbo y’iyobokamana nyakuri, cyangwa niba ari satani ugerageza kuzana ibintu by’Imana ku rwego rw’isi. Ntimushobora kubikora! Imana itugirire imbabazi!

¹²⁰ Ntitaye ku mubare w’indirimbo zikubiye hamye Elvis Presley yanditse, rw’indirimbo nziza zose z’iyobokamana. Aracyabaswe na satani. Yohereje abana benshi ikuzimu, n’ingendo zose nzi, kw’isi yose muri iyi minsi. Pat Boone n’abandi bese, yari mu itorero rya Kristo; naho Elvis Presley, Umupenekositi; ni ba Yuda Isikariyoti, mu buryo bw’abo bagabo. Satani iragerageza kuzana ibintu byo hejuru by’Imana, kugirango ibivangire *hano*. Abantu ntibazareba hejuru y’ibi. Bareba *hano* gusa, bakavuga bati: “Ni byiza, byose ni bimwe.” Ntabwo ari kimwe. Sohoka mu gihugu.

¹²¹ Yaravuze ati: “Ushobora kugenda iminsi mike. Maze ukagenda, ukaguma mu gihugu.” Ni byo, yari azi ko bazagaruka. Hanyuma amenya ko bitazakora, nuko atekereza ikindi kintu gitandukanye. Yaravuze ati: “Nzakubwira ibyo ukora. Urajya ahantu hose ushaka kujya, ariko usige abagore bawe bese, abana bawe bese, n’amatungo yawe yose, ugaruke *hano*. Urabasiga hano, maze usohoke.” Impamvu, yari azi ko bafite ubutunzi inyuma aho, byari kubasubiza inyuma.

¹²² Kandi ni byo satani ababwira. Mu gihe uvuye muri bimwe mu bintu by’isi bikuboshye, uracyashaka kunywa itabi, urashaka kunywa inzoga, urashaka kwambara nk’isi, ni byiza nk’uko satani abishaka.

¹²³ Numva byinshi ku byerekeye gusubira inyuma. Ntabwo nizera ko hariho gusubira inyuma cyane nk’uko abantu bibwira ko bihari. Gusa basize ibintu byinshi cyane muri Egipta kugirango babasubize inyuma, ni byo gusa. Gusubira inyuma ntabwo ari byo bavuga. Wasize byinshi cyane kw’isi inyuma iyo, bikureshya.

¹²⁴ Bene Data, ndabibabwiye, igihe Isiraheli yiteguraga, saa sita z’ijoro, bari bafite ibyo batunze byose kuri iyi si, bapakiye kandi biteguye kugenda.

125 Imana itwoherereze ububyutse nk'ubwo. Dupakire ibintu byose, maze twitegure kugenda. Induru ya saa sita z'ijoro iraje, "Sohoka ujye kumusanganira." Byaba byiza wapakiye ibintu byose. Byaba byiza nta kintu mufite, iyi si, irabashuka, imirunga iyo ari yo yose yo kubahambira. Mupakire. Mureke twitegure. Turagiye.

126 Kandi murabizi? Ndabibabwiye, bari abanyakuri ku Mana, kugeza igihe Farawo yishimye cyane mu saa sita z'ijoro, yaravuze ati: "Musohoke! Musohoke, mutangire urugendo. Mufate ibyo mubonye byose, hanyuma mugende!"

127 Ndishimye cyane kuba umuntu ashobora kugirana ubumwe n'Imana, kugeza ubwo satani atamenya icyo kumukorera. Ni byo. Musohoke! Mugende! Umvira Imana!

128 Kubwo kwizera, yabonye amasezerano. Haba nyamabumba cyangwa nta nyamabumba ihari, yafashe inzira hamwe n'Umwami wasuzuguwe. Farawo yaravuze ati: "Fata ibyo ubonye byose maze uve hano! Sinamenya icyo nagukorera." Yari umunyakuri wuzuye ku Mana, kubwo kwizera.

129 Kwizera kuzakora ibitangaza, niba uzakomeza kuba umunyakuri ku Mana. Kubwo kwizera, turamubona.

Igihe cyacu kirageze; igihe cyashize.

130 Ariko, kubwo kwizera, muri iki gitondo, ubura amaso yawe. Ntukarebe ibiri hafi yawe, iyi si igezweho, ahubwo itegereze umurebe We Uwatanze amasezerano. Bibiliya yaravuze iti: "Ubu ntabwo tubona ibintu byose neza, ariko turabona Yesu." Numureba We, muri iki gitondo, inzira zawe zirahinduka.

131 Mu gihe twunamishije imitwe yacu, akanya gato, kubw'ijambo ry'isengesho. Uwiteka yongere imigisha Ye kuri ubu Butumwa.

132 Tekereza mu mutima wawe. Wigeze witegereza ibintu by'isi? Kubwo kwizera, urabona Yesu? Urimo kurubona ubwamamare bwawe, itorero ryawe? Imibereho myiza yawe ihagaze ite mw'isi? Cyangwa, urabona Yesu Wawundi, wagize impuhwe, We ubwe akishyira Hejuru iburyo bwa Nyiricyubahiro, We wababajwe nk'uwahowe Imana, umukiranutsi ku ukiranirwa? Ntushobora kubura amaso ngo urebe kiriya Giti cy'ubuzima kiri kure? Noneho, usige iki giti cy'ubwenge n'ubumenyi, hanyuma umukorere.

133 Urashaka kwibukwa mu masengesho mbere y'uko nsenga? Zamura ibiganza byawe, kubisabwa byose ushobora kuba ukeneye. Imana iguhe umugisha. Irabona ibiganza byawe byose.

134 Niba uri umunyabyaha, ubura amaso urebe noneho. Niba utaritaye ku bantu, niba ufite amakimbirane make n'ibintu bike, bitandukaniye he? Ugiye gupfa muri iyi minsi. Ni uwuhe munsu? Wenda ni uyu munsu! Ntubizi. Isaha imwe uhereye none, ushobora kuba uri ikuzimu, cyangwa ushobora kuba uri

mw'Ijuru. Ariko ugomba guhitamo ubungubu. Niba hari ikintu mu buzima bwawe kidakwiriye, hitamo nonaha, kubwo kwizera.

¹³⁵ Uravuga uti: "Ni byiza, niba nshobora kubana gusa n'umugore! Niba nshobora kubana n'umugabo!" Ntitaye ku byo bakoze byose, mpitamo Ubugingo. Mpitamo Ubugingo.

¹³⁶ Kubw'ibyo, Yesu yaravuze ati: "Niba bivuye ku mutima wawe utababarira buri muntu ibicumuro bye, na So wo mw'Ijuru ntazigera akubabarira." Gusa rero wegere hafi. Niba hari ikintu gikwiye mu mutima wawe kurwanya umuntu uwo ari we wese, umunyabyaha cyangwa umutagatifu, uri mu kaga k'umuriro utazima.

¹³⁷ Noneho ubura amaso yawe. Urabona iki, umwanzi wawe? Cyangwa, urabona Umukiza wawe? Urareba iki muri iki gitondo?

¹³⁸ Niba urwaye, kandi umuganga wawe akavuga ko udashobora gukira, ubura amaso yawe, urebe ku musaraba, aho Yakomeretse kubera ibicumuro byacu, hamwe n'imigozi ye twarakize. Ntukarebe ibyo muganga avuga; akora mu buhanga. Kwizera gukorera mu mudendeko w'Umwuka n'Imana. Reka dutekereze kuri ibi bintu mu gihe uzamuye ibiganza byawe. Imana yabibonye.

Reka dusenge.

¹³⁹ Yoo Mana Ihoraho, mu ituze ryo gusenga ubu, Ubutumwa bwamaze gutangwa, ntureka ngo izo mbuto z'Ijambo Ryawe, Mwami, ngo zigwe hasi. Ntureka ngo Ubutumwa, Mwami, bugwe mu mu gihuru, mu mahwa, ko kwita kuri ubu buzima (nka Loti) bishobora kububangamira, amaherezo, bugahinduka umutego. Ariko, Mana yahiriwe, reka bigwe kumpamvu nziza, ku butaka burumbuka, ku mitima yihannye. Kandi ku wanjye, nawo, Mwami, kugirango twese tubashe kurebera mu kirahuri cy'Imana ireberamo, hanyuma urebe Itorero ryanze ry'Umwami Yesu, abantu banze, inzira yanze, kandi tugendere muri iyi nzira ihebuje.

¹⁴⁰ Nka Mose, ntabwo yari azi aho agana. Abantu ntibari bazi iyo bagiye. Ntabwo bari bazi inzira banyuramo. Batangiye gusa.

¹⁴¹ Kandi, Yoo Mwami Mana, mu gihe iyi ndirimbo nziza irimo gucurangwa, kubwo kwizera dushobora kubona kiriya Gihugu cya kure. Reka bibe nonaha, abagabo n'abagore bari hano ntibazatekereza kubyo isi igiye kuvuga, cyangwa uko bazagenda. Nibabere imbere mu mwuka wabo, kandi bakomeze.

¹⁴² Mose yakurikiye Umucyo, maze Umujyana mu gihugu cy'isezerano. Ntabwo yari azi iyo agana, ariko yagendeye mu Mucyo, yerekeza muri kiriya gihugu cyari cyiza kuruta umunsi.

¹⁴³ Bitwemerere, Mwami, uyu munsi, ko benshi hano bazagenda mu Mucyo w'Ibyanditswe no mu busabane bw'Umwuka Wera, hamwe n'Itorero; Itorero, ryavutse ari-

Imfura, impinja zavutse vuba zakiriye Kristo, kandi ryuzuye Umwuka Wera, riyobowe n'Umwuka. Reka tugendere muri ubu busabane, twese hamwe, dukikije ingingo z'Imana, kumukorera mu mubatizo, kumvira urupfu Rwe, guhambwa, no kuzuka. Mureke tumukorere mw'itegeko Rye, "Mugume i Yerusalemu kugeza mwuzuye Imbaraga zivuye Hejuru." Mureke tumukorere mu gukiza kw'Imana, dusengera abarwayi. Mureke tumukorere mu ugusangira, kumanyura umugati, hamwe n'umutima umwe, gusabana n'Ijambo ry'Imana. Mureke tumukorere mu ngingo zayo zose z'Imana, kugeza Igihugu gitangiye kugaragara. Biduhe, Mwami. Umva amasengesho yacu, nk'uko tubikwijeje byose ubu, mw'Izina ry'Umwami Yesu.

¹⁴⁴ Noneho imitwe yacu yunamyeye, ituje, buhoro, reka turirimbe iyi ndirimbo. Ubu ni ukuramya. Ubutumwa burarangiye. Ntihaire muntu ugenda. Muceceke. Reka dusenge.

¹⁴⁵ Ubutumwa ni ikosora. Tekereza noneho ibyo wakoze, ibyo wagombye kuba warakoze, icyaguteye kuba icyo uri cyo uyu muni. Ikigutera gucirwaho iteka, uyu muni, ni ukubera ko hari icyo wakoze ejo hashize. Bizamera bite ejo hazaza? Bikore neza uyu muni, kandi ejo uzaba uri mu mudendeze. urabona? Ugomba guhitamo. Ni gute ushobora kubikora? "Kubwo kwizera, ubu naretse ibintu byose. Ubu narabitakaje, kandi umuni umwe nzajya hakurya Hariya."

Mu buryohe vuba aha,
Tuzahurira kuri ubwo bwiza . . .

Kuramya Umwami gusa mu mwuka wawe ubu.

Mu buryohe vuba aha,
Tuzahura . . .

Iri torero ryasuzuguye, rigenda bigoranye, ariko tuzahura umuni umwe.

Kuri Data mwiza cyane uri Hejuru,
Tuzatanga icyubahiro cyo guhimbaza,
Kubw'impano ihebuje y'urukundo rwe,
N'imigisha yeza . . .

Hamwe n'Umwami wasuzuguwe, kubwo kwizera, nahisemo.

Mu buryohe (mu buryohe) vuba . . . (vuba aha)
Tuzahurira kuri iyo nkombe nziza; (buhoro
buhoro)

Mu buryohe (mu buryoheye) vuba aha,
Tuzahurira kuri iyo Nkombe nziza.

Hariho Igihugu kiri . . .

Muhimbaze gusa. Uku ni uguhimbaza.

. . . ukwizera nshobora kubona . . .

Kubwo kwizera nahisemo.

Yoo, Data arategereje . . .

¹⁴⁶ Ndabona iby'Umwami byose hariya Hejuru, Mwene Data George, mwene Data Seward, abera bose.

...twe ahantu h'ubuturo Hariya. (Yego, Mwami!)

...uburyohe...

¹⁴⁷ Papa we, Howard, Edward, inshuti zose za kera zejeje zafashe Inzira, ijya imuhira, kera cyane.

Mu buryohe (Yego, Mwami!) vuba aha (vuba aha),

Tuzahurira kuri iyo nkombe nziza.

Tuzarimbira kuri ubwo bwiza... (Yoo Mana!)

Indirimbo z'amajwi ahebuje, (Icyubahiro kibe icy'Imana!)

...ntituzongera kubabara,

Ntabwo ari ukwiganyira kubw'imigisha y'ikiruhuko. (Ahantu ho kuruhukira!)

Mu buryohe, uburyohe aha na... (vuba aha)

Tuzahurira kuri ubwo bwiza... 

58-0720M Kubwo Kwizera, Mose
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org